8° amategeko yerekeye amasezerano mpuzamahanga. Sena ifite na none ububasha bwo :

1° kwemeza ishyirwaho rya Perezida, Visi-Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, ba Perezida na Visi-Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Umushinjacyaha

Article 88 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

In legislative matters, the Senate shall be competent to vote on the following :

1° laws relating to the amendment of the Constitution;
2° organic laws;
3° laws relating to the establishment, modification, functioning and dissolution of public enterprises and parastatal organizations and territorial organisation;
4° laws relating to fundamental freedoms, rights and duties of the person;
5° criminal law and laws relating to the organization, jurisdiction of courts and procedure in criminal cases;
6° laws relating to defence and security;
7° laws relating to elections and referenda;
8° laws relating to international agreements and treaties. The Senate shall also have the authority to :

1° approve the appointment of the President, the Vice-President and the Judges of the Supreme Court, the President and Vice-President of the High Court and the Commercial High Court, the Prosecutor General and his/her deputy;

2° approve the appointment of the Chairpersons and members of National Commissions, the Ombudsman and his/her deputies, the Auditor General of

Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru wungirije;

2° kwemeza ishyirwaho ry'abayobora n'abagize za Komisiyo z'igihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abamwungirije, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta n'Umwungirije, Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga, ba Guverineri b'Intara, abayobora ibigo bya Leta n'ibishamikiye kuri Leta bifite ubuzima gatozi;

3° kwemeza ishyirwaho ry'abandi bakozi ba Leta igihe bibaye ngombwa, bagenwa n'itegeko ngenga.

Ingingo ya 16: Isuzumwa ry'imishinga y'amategeko muri za Komisiyo

Ingingo ya 92 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Imishinga y'amategeko Inteko Rusange yemeje ko ifite ishingiro ibanza koherezwa muri Komisiyo y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibishinzwe kugira ngo iyisuzume mbere y'uko yemezwa mu Nteko Rusange.

Mu gihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ushobora kugena ko uwo mushinga w'itegeko wemezwa mu Nteko Rusange utagombye kunyuzwa muri Komisiyo ibishinzwe."

Ingingo ya 17: Ubusumbane bw'amategeko n'uburyo atorwamo

State Finances and his/her Deputy, Ambassadors and Representatives to international organisations, Provincial Governors and heads of public institutions and parastatal organisations which have legal personality;

3° approve the appointment of such other public officials as shall be required and determined by an organic law where necessary.

Article 16: Examination of draft laws by Committees

Article 92 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"Draft laws determined by the plenary session to have a sound basis shall first be transmitted to the relevant parliamentary committee of the Chamber of Parliament for examination prior to their consideration and adoption in the plenary session.

During the consideration of the basis of a draft law, each Chamber of Parliament may decide if the draft law may be adopted in plenary session without necessarily being sent beforehand to the relevant Committee."

Article 17: Hierarchy of laws and their mode of adoption

Article 93 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"The law is sovereign in all matters.

Ingingo ya 93 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Itegeko rigenga byose ku buryo butavuguruzwa.

Amategeko ngenga agenga ibyo Itegeko Nshinga riyagera hamwe n'ibyagengwa n'amategeko yakenera amategeko yihariye ayashamikiyeho.

Nta na rimwe itegeko ngenga rivuguruza Itegeko Nshinga; nta n'ubwo itegeko risanzwe cyangwa itegeko-teka rivuguruza itegeko ngenga, cyangwa se ngo iteka cyangwa amabwiriza bivuguruze itegeko.

Mu gutora itegeko, hatorwa ingingo ku yindi n'itegeko ryose. Gutora itegeko ryose buri gihe bicishwa mu itora, buri wese ahamagawe mu izina rye, kandi agasubiza mu ijwi riranguruye.

Itegeko ryose risuzumwa kandi rigatorwa mu Kinyarwanda cyangwa mu rurimi ryateguwemo hitawe kuri buri rurimi mu zikoreshwa mu butegezi. Iyo itegeko ritumvikanye kimwe mu ndimi uko ari eshatu, hitabwa ku rurimi rw'ikinyarwanda cyangwa ku rurimi itegeko ryateguwemo.

Amategeko asanzwe atorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize buri Mutwe bitabiriye inama.

Amategeko ngenga atorwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri Mutwe bitabiriye inama.

Organic laws govern all matters reserved for them by this Constitution as well as matters governed by laws which require related special laws.

An organic law may not contradict the Constitution. Neither may an ordinary law or decree-law contradict an organic law nor may an Order or regulations contradict law.

In voting upon a bill, there must be a separate vote on each article as well as a vote on the entire bill. A vote on the entire bill is conducted by calling each parliamentarian by name and the parliamentarian votes by responding in an audible voice.

All laws shall be considered and adopted in Kinyarwanda or in the language of preparation in respect of any of the official languages. In case of conflict between the three official languages, the prevailing language shall be Kinyarwanda or the language that was used in the drafting of the law.

Ordinary laws shall be passed by an absolute majority of members of each Chamber present.

Organic laws shall be passed by a majority vote of three fifths of the members present in each Chamber.

The procedures for voting are determined by a law governing the internal regulations of each Chamber."

Article 18: Oath of office of

Uburyo bukoresheya mu itora n'uko itora rikorwa bigenwa n'itegeko ngengamikorere rya buri Mutwe ugize Inteko Ishinga Amategeko.”

Ingingo ya 18: Indahiro ya Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 104 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

“Mbere yo gutangira imirimo, Perezida wa Repubulika arahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga hari n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, muri aya magambo :

Jyewe,, ndahiriye u Rwanda ku mugaragararwo:

- 1° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
- 2° ko nzakurikiza nkanarinda Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 3° ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
- 4° ko nzaharanira amahoro n'ubusugire bw'Igihugu;
- 5° ko nzashimangira ubumwe bw'Abanyarwanda ;
- 6° ko ntazigera nkoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite;
- 7° ko nzaharanira ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro. Nintatira iyi ndahiro nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo.”

Perezida wa Repubulika arahira bitarenze ukwezi kumwe nyuma y'itorwa rye, indahiro ye ikakirwa na Perezida w'Urukiko

the President of the Republic

Article 104 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

“Before assuming his/her duties of office, the President of the Republic shall take the oath of office before the President of the Supreme Court in the presence of both Chambers of Parliament in these words:

« I, solemnly swear to the Nation that I shall:

- 1° remain loyal to the Republic of Rwanda;
 - 2° observe and defend the Constitution and the other laws;
 - 3° diligently fulfil the responsibilities entrusted in me;
 - 4° preserve peace and territorial integrity;
 - 5° consolidate national unity of Rwandans;
 - 6° never use the powers conferred upon me for personal ends;
 - 7° safeguard the interests of the Rwandan people.
- Should I fail to honour this oath, may I face the rigours of the law.

So help me God. »

The President of the Republic shall be sworn in no later one month after his/her election. His/her oath of office shall be administered by the President of the Supreme Court.

Article 19: Promulgation of laws

Article 108 of the Constitution of

rw'Ikirenga" .

Ingingo ya 19 : Ishyirwa ry'umukono ku mategeko

Ingingo ya 108 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Perezida wa Repubulika ashyira umukono ku mategeko yatowe bitarenze igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku muni ayo mategeko yagerejwe kuri Guverinoma.

Icyakora, mbere yo kuyashyiraho umukono, Perezida wa Repubulika ashobora gusaba Inteko Ishinga Amategeko kuyasubiramo.

Muri icyo gihe, iyo Inteko yongeye gutora itegeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) ku byerekeye amategeko asanzwe cyangwa bwa bitatu bya kane (3/4) ku byerekeye amategeko ngenga, Perezida wa Repubulika agomba kurishyiraho umukono mu gihe cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Minisitiri w'Intebe ashyira umukono w'ingereka ku mategeko yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko n'amategeko-teka ashyirwaho umukono na Perezida wa Repubulika."

Ingingo ya 20: Ububasha bwa Perezida wa Repubulika mu byerekeranye n'intambara

Ingingo ya 110 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"The President of the Republic shall promulgate laws within thirty (30) days from the date of receipt by Government of the final draft.

However, before promulgation of laws, the President of the Republic may request Parliament to reconsider them.

In such a case, should Parliament adopt the laws, in the case of ordinary laws by a majority of two thirds (2/3) and in the case of the organic laws by a majority of three-quarters (3/4), the President of the Republic shall promulgate the laws within the period referred to in paragraph one of this article.

The Prime Minister shall countersign the laws adopted by Parliament and decree-laws promulgated by the President of the Republic."

Article 20: Powers of the President of the Republic in matters concerning war

Article 110 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"The President of the Republic is the Commander-in-Chief of the Armed Forces of Rwanda.

The President shall declare war in accordance with article 136 of the Constitution.

"Perezida wa Repubulika ni Umugaba w'Ikirenga w'Inzego z'Igihugu zitwaza intwaro.

Atangiza intambara mu buryo buteganywa n'ingingo ya 136 y'Itegeko Nshinga.

Ashyira umukono ku masezerano yo guhagarika no kurangiza intambara.

Atangaza ibihe by'amage n'ibihe by'imidugararo mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko."

Ingingo ya 21: Amateka Perezida wa Repubulika ashiraho umukono

Ingingo ya 113 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

Perezida wa Repubulika ashyira umukono ku mateka ya Perezida yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yerekeye :

1° gutanga imbabazi ku baciriwe imanza burundu n'urukiko;
2° gushyiraho ifaranga ry'Igihugu ;
3° gutanga imidari n'impeta by'ishimwe;

4° gushyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze;

5° kuzamura mu ntera no gushyira mu myanya :
a) Abofisiye jenerali b'Ingabo z'Igihugu ;

b) Abofisiye bakuru b'Ingabo z'Igihugu;

c) Abakomiseri ba Polisi y'Igihugu;

d) Abofisiye bakuru ba Polisi y'Igihugu.

The President shall sign both armistice and peace agreements.

He or she declares a state of siege and a state of emergency in accordance with the provisions of the Constitution and the law."

Article 21: Orders to be signed by the President of the Republic

Article 113 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is hereby amended as follows:

The President of the Republic shall sign Presidential Orders approved by Cabinet regarding:

1° grant of prerogative of mercy;

2° issuing of national currency;

3° award of national orders and decoration of honour;

4° implementation of laws when it is his/her responsibility;

5° promotion and appointment of the following officers:

a) officers of the rank of General of the Rwanda Defence Forces;

b) senior officers of the Rwanda Defence Forces;

c) commissioners of the National Police;

d) senior officers of the National Police ;

e) senior officers of the National Prison Service.

6° appointing and removal from office of the following senior public servants:

a) the President, Vice President and Judges of the Supreme Court;

b) the President and the Vice President of the High Court and the Commercial High Court

e) Abofisiye bakuru b` Urwego rw` Igihugu rushinzwe imicungire ya za Gereza

6° gushyira no kuvana ku mirimo abakozi bakuru b`abasiviri bakurikira :

- a) Perezida, Visi Perezida n`abacamanza b`Urukiko rw`Ikirenga ;
- b) Perezida na Visi Perezida b`Urukiko Rukuru n`ab`Urukiko Rukuru rw`Ubucuruzi ;
- c) Umushinjacyaha Mukuru n`Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;
- d) Umuyobozi w`Iburo bya Perezida wa Repubulika;
- e) Umukuru w`Urwego rushinzwe Intwari z`Igihugu, Imidari n`impeta by`ishimwe n` Umwungirije;
- f) Umuyobozi n`Umuyobozi wungirije ba Banki Nkuru y`Igihugu;
- g) Abaguverineri b` Intara;
- h) Umuyobozi w`Ikigo cy`Igihugu cy`Imisoro n`Amahoro;
- i) Abayobozi n`Abayobozi bungirije ba za Kaminuza za Leta n`ab`Ibigo by`Amashuri Makuru ya Leta;
- j) Umuyobozi w`Urwego rushinzwe umutekano mu Gihugu n`umwungirije;
- k) Abakomiseri ba za Komisiyo n`abakuru b`Inzego zihariye ziteganywa n`Itegeko Nshinga;
- l) Umunyamabanga wihariye wa Perezida wa Repubulika ;
- m) Abajyanama muri Perezidansi ya Repubulika ;
- n) Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by`amahanga no mu miryango mpuzamahanga;
- o) abandi bayobozi bo mu nzego za Leta bagenwa n`itegeko.

respectively;

- c) the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General;
- d) the Director of Cabinet in the Office of the President of the Republic;
- e) the Chancellor for Heros and National Orders and decoration of honour and his/her Deputy;
- f) the Governor and Vice Governor of the Central Bank;
- g) Governors of the Provinces
- h) the Commissioner General of Rwanda Revenue Authority;
- i) the Rectors and Vice Rectors of Public Universities and Public Institutions of Higher learning;
- j) the Head of the National Security Service and his/her deputy ;
- k) members of Commissions and heads of specialized institutions provided for by the Constitution;
- l) the Principal Private Secretary to the President of the Republic;
- m) Presidential advisors;
- n) Ambassadors and Representatives of Rwanda to international organizations ;
- o) such other senior public servants as the law may determine."

Article 22: Benefits entitled to the President of the Republic

Article 115 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"An organic law shall determine the benefits accorded to the President of the Republic and the former Heads of State.

However, a President convicted of high treason or grave and intentional breach of the Constitution shall not be entitled

Ingingo ya 22: Ibigenywa Perezida wa Repubilika

Ingingo ya 115 y'Itegeko Nshinga rya Repubilika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Itegeko ngenga riteganywa ibigenywa Perezida wa Repubilika rikanagena ibihabwa Abakuru b'Igihugu bacyuye igihe.

Icyakora, iyo Perezida wa Repubilika yakatiwe igihano n'inkiko kubera kugambanira igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, ntashobora guhabwa ibigenywa abacyuye igihe.

Uwahoze ari Perezida wa Repubilika ntashobora gukurikiranwaho ibyaha bivugwa mu gika kibanziriza iki, igihe aba atarabikurikiranyweho akiri ku mirimo ye."

Ingingo ya 23: Abagize Guverinoma

Ingingo ya 116 y'Itegeko Nshinga rya Repubilika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bashobora kugenwa na Perezida wa Repubilika bibaye ngombwa.

Minisitiri w'Intebe atoranywa, ashirwaho kandi avanwaho na Perezida wa Repubilika.

Abandi bagize Guverinoma bashirwaho bakanakurwaho na Perezida wa Repubilika

to benefits accorded to former Heads of State.

A former Head of State shall not be prosecuted for any of the preceding crimes when no proceedings in respect to such an offence were brought against him/her during his or her presidency."

Article 23: Composition of Cabinet

Article 116 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

The Cabinet shall comprise the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other members who may be determined, if necessary, by the President of the Republic.

The Prime Minister shall be nominated, appointed and removed from office by the President of the Republic.

Other members of Cabinet shall be appointed and removed from office by the President of the Republic upon proposal of the Prime Minister.

The members of Cabinet are selected from political organizations on the basis of their seats in the Chamber of Deputies without excluding the possibility of appointing to Cabinet other competent people who do not belong to any political organizations.

However, a political organization holding the majority of seats in

ashyikirijwe amazina yabo na Minisitiri w'Intebe.

Abagize Guverinoma batoranywa mu Mitwe ya Politiki hakurikijwe imyanya yayo mu Mutwe w'Abadepite ariko bitabujije ko n'abafite ubushobozi batari mu Mitwe ya Politiki bashyirwa muri Guverinoma.

Icyakora, Umutwe wa Politiki wabonye amajwi menshi mu matora y'Abadepite ntushobora kurenza mirongo itanu ku ijana (50 %) by'abagize Guverinoma.

Perezida wa Repubulika yakira ukwegura kwa Guverinoma iyo Minisitiri w'Intebe akumushyikirije.

Ingingo ya 24: Ishyirwaho n'inshingano bya Guverinoma

Ingingo ya 117 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

“Minisitiri w'Intebe ashwirwaho bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'irahira rya Perezida wa Repubulika. Abandi bagize Guverinoma bashyirwaho bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'ishyirwaho rya Minisitiri w'Intebe.

Guverinoma ishyira mu bikorwa politiki y'Igihugu Perezida wa Repubulika yumvikanyeho n'Inama y'Abaminisitiri.

Guverinoma ibazwa ibyo ikora na Perezida wa Repubulika n' Inteko Ishinga Amategeko. Uburyo Guverinoma ibazwamo ibyo ikora n'Inteko Ishinga Amategeko

the Chamber of Deputies may not exceed fifty (50) per cent of all the members of the Cabinet.

The President of the Republic receives the resignation of the Cabinet tendered by the Prime Minister.

Article 24: Appointment and responsibilities of the Cabinet

Article 117 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

“The Prime Minister shall be appointed within a period not exceeding fifteen (15) days after the election of the President of the Republic. Other Cabinet members shall be appointed within fifteen (15) days after the appointment of the Prime Minister.

The Cabinet implements national policy agreed upon by the President of the Republic and the Cabinet.

The Cabinet shall be answerable to the President of the Republic and Parliament. Modalities for exercising the oversight of the Government by the Parliament shall be provided for by the Constitution”.

Article 25: Responsibilities and mandate of the Prime Minister

Article 118 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

buteganywa n'Itegeko Nshinga".

Ingingo ya 25: Inshingano n'ububasha bya Minisitiri w'Intebe

Ingingo ya 118 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Minisitiri w'Intebe :

1° ayobora imikorere ya Guverinoma akurikije imirongo mikuru yatanzwe na Perezida wa Repubulika, akanakurikirana iyubahirizwa ry'amategeko;
2° ategura gahunda ya Guverinoma abigiyeho inama n'abandi bagize Guverinoma;
3° ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe yatangiye imirimo ye;
4° agena inshingano z'abaminisitiri, abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma;
5° ahamagaza Inama y'Abaminisitiri, ashyiraho urutonde rw'ibygwa agishije inama abandi bagize Guverinoma, akabishyikiriza Perezida wa Repubulika n'abandi bagize Guverinoma nibura iminsi itatu (3) mbere y'uko inama iba, usibye ibibazo byihutirwa bisuzumwa n'inama zidasanzwe;

6° ayobora Inama y'Abaminisitiri; icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yayijemo ni we uyiobora;

7° ashyiraho abakozi ba gisiviri n'aba gisirikare, uretse abashyirwaho na Perezida wa Repubulika;

8° ashyira umukono ku mateka azamura mu ntera akanashyira mu myanya ba ofisiye bato mu ngabo z'Igihugu, abo muri Polisi

"The Prime Minister shall :

1° head the operation of Cabinet in accordance with broad guidelines given by the President of the Republic and further ensures implementation of laws ;
2° formulate Government programmes in consultation with other Cabinet members;

3° present to Parliament Government programmes within a period of thirty (30) days after assuming office;

4° assign duties to Ministers, Ministers of State and other Cabinet members ;

5° convene Cabinet meetings, draw up the agenda of the Cabinet in consultation with other members of the Cabinet and communicates it to the President of the Republic and other members of the Cabinet at least three (3) days before the meeting, except in matters of urgency which are considered by extraordinary meetings of the Cabinet;

6° chair Cabinet meetings. However, when the President of the Republic is in attendance, he/ she shall chair;

7° appoint civil and military officers with the exception of those appointed by the President of the Republic;

8° sign appointment and promotion Orders for junior officers in the Rwanda Defence Forces ,the National Police and National Prison Service ;

9° sign appointment and termination Orders for the following senior officers:

a) Director of Cabinet in the Prime Minister's Office;

y'Igihugu n' abo mu Rwego rw' Igihugu rushinzwe imicungire ya za Gereza;

9° ashyira umukono ku mateka yerekeye ishyirwa ku mirimo n'ivanwaho ry'abakozi bakuru bakurikira:

a) Umuyobozi w'Iburo bya Minisitiri w'Intebe;

b) Umunyamabanga Mukuru n' Umunyamabanga Mukuru Wungirije mu Bunyamabanga bw'Inama y'Abaminisitiri;

c) Abanyamabanga Nshingwabikorwa ba za Komisiyo za Leta ;

d) Abajyanama n'Abakuru b'imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Intebe;

e) Abanyamabanga Bahoraho muri za

Minisiteri n'abanyamabanga Bakuru b'izindi nzego za Leta;

f) Abayobora ibigo bya Leta n'abandi bakozi bakuru muri ibyo bigo igihe ntaho bateganyijwe ukundi ;

g) Abagize Inama y'Ubuyobozi mu bigo bya Leta n'abahagarariye Leta mu bigo ifitemo imigabane;

h) Abayobozi muri za Minisiteri;

i) Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu n'Abashinjacyaha bo ku rwego rwisumbuye n'Abashinjacyaha bo ku rwego rw'ibanze;

j) Abakozi bashyirwaho mu rwego rumwe n'abavuzwe muri iyi ngingo kimwe n'abandi bayobozi bateganywa n'itegeko iyo bibaye ngombwa.

Abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko yihariye.

Ingingo ya 26: Isewariy'Inteko Ishinga

b) Secretary General and Deputy Secretary General in the Secretariat to Cabinet;

c) Executive Secretaries of Government Commissions;

d) Advisors and Heads of Service in the Office of the Prime Minister;

e) Permanent Secretaries in Ministries and Secretaries General in other Government Organs ;

f) Heads and senior officers of Public Institutions where it is not provided otherwise;

g) Members of the Boards of Directors of Public enterprises and Parastatal organisations;

h) Directors in Ministries;

i) National Prosecutors, prosecutors at the intermediate level and prosecutors at the primary level;

j) Public servants appointed at a similar level as those specified above and any other as the law may specify.

Other public servants shall be appointed in accordance with specific laws.

Article 26: Dissolution of Parliament

Article 133 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

“Without prejudice to the provisions of article 11 of this Constitution Amendment, the President of the Republic after

Amategeko

Ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

" Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 11 y'iri Vugururwa ry'Itegeko Nshinga, Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Minitiri w'Intebe, ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gusesa Umutwe w'abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye igihugu.

Itora ry'abadepite rikorwa mu minsi itarenze mirongo icyenda (90) ikurikira iryo seswa.

Perezida wa Repubulika ntashobora gusesa Umutwe w'abadepite inshuro zirenze imwe muri manda ye.

Sena ntishobora guseswa".

Ingingo ya 27: Imikorere y'Inkiko

"Ingingo ya 141 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Imanza ziburanishirizwa mu ruhame keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu gihe kuburanishiriza mu ruhame byagira ingaruka mbi ku ituze rusange rya rubanda cyangwa bigatera urukozasoni.

Urubanza rwose rwaciwe rugomba kugaragaza impamvu rushingiyeho kandi rukandikwa

consultation with the Prime Minister, both Presidents of the Chambers of Parliament and the President of the Supreme Court, may dissolve the Chamber of Deputies if there are national interests at stake.

Elections of the Deputies shall take place within ninety (90) days after dissolution.

The President of the Republic shall not dissolve the Chamber of Deputies more than once during his/her term of office.

The Senate shall not be dissolved".

Article 27: Functioning of Courts

Article 141 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is hereby amended as follows:

"Court proceedings shall be conducted in public unless court determines that proceedings should be in camera on ground that a public hearing might have an adverse effect on general public order or cause moral embarrassment.

Every court decision shall indicate the grounds of its basis, be written in its entirety, delivered in open court together with the reasons and Orders taken therein.

Courts shall apply orders or regulations that are not inconsistent with the Constitution and other laws.

Without prejudice to equality of litigants before courts of law, the

mu ngingo zarwo zose; rugomba gusomerwa mu ruhame hamwe n'impamvu zose uko zakabaye n'icyemezo cyafashwe.

Inkiko zikurikiza gusa amateka cyangwa amabwiriza iyo atanyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Bitabangamiye uburenganzira bw'abaturanyi bwo kureshya imbere yubucamanza, Itegeko ngenga rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga rigena ishyirwaho ry'umucamanza umwe n'ubwoko bw'imanza ashobora kuburanisha muri urwo rukiko.

Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko rigena ishyirwaho ry'umucamanza umwe n'ubwoko bw'imanza ashobora kuburanisha mu nkiko zindi zisanzwe n'iz'Ubucuruzi. Iryo tegeko ngenga rigena uburyo ibikubiye muri iki gika bishyirwa mu bikorwa."

Ingingo ya 28: Igihe cya manda y'umucamanza, uburyo akora umurimo we n'imyifatire

Ingingo ya 142 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira:

"Ibyerekeye igihe cya manda y'abayobozi b'inkiko n'abacamanza biteganyijwe mu buryo bukurikira:

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga bashyirwaho igihe cya manda imwe y'imyaka umunani (8).

Perezida w'Urukiko Rukuru, Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Visi Perezida

organic law establishing the organisation, functioning and jurisdiction of the Supreme Court shall determine the institution of a single judge and his/her jurisdiction in the Supreme Court.

The organic law determining the organisation, functioning and jurisdiction of Courts shall determine institution of a single judge and his/her jurisdiction in others ordinary and commercial courts. The same law shall provide for the application of the above provisions."

Article 28: Tenure of office for judicial officers, function and judicial accountability

Article 142 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"The tenure of office for heads of Courts and judges shall be determined as follows:

The President and the Vice President of the Supreme Court shall be appointed for an eight (8) year term that is not renewable.

The President of the High Court, the President of the Commercial High Court, the Vice President of the High Court, the Vice President of the Commercial High Court shall be appointed for a five (5) year term renewable only once.

The President of the Intermediate Court, The President of Commercial Court, the Vice President of the Intermediate Court, the Vice President of Commercial Court and the President of the Primary Court shall be appointed for a four (4)

w'Urukiko Rukuru na Visi Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirirwaho igihe cya manda y'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa rimwe gusa. Perezida w'Urukiko Rwisumbuye, Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi, Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi na Perezida w'Urukiko rw'Ibanze bashyirirwaho igihe cya manda y'imyaka ine (4) gishobora kongerwa rimwe gusa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Abandi bacamanza bashyirirwaho igihe cya manda kigenwe gishobora kongerwa buri gihe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza mu buryo bugenwa n'itegeko ribagenga bamaze gukorerwa isuzumamikorere.

Mu murimo wabo w'Ubucamanza, abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakawukora mu bwigenze batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose.

Ibyerekeye imyifatire myiza n'ubunyangamugayo by'umucamanza biteganywa n'amategeko yihariye abireba.

Itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'Inkiko.

Ingingo ya 29 : Ibyiciro by'Inkiko

Ingingo ya 143 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

"Hashyizweho inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye.

year term renewable only once by the High Council of the Judiciary .

Other judges shall be appointed for a determinate term of office that may be renewable by the High Council of the Judiciary in accordance with the provisions of the law relating to their status, following their evaluation.

In exercise of their judicial functions, judges shall, at all times, follow the law and shall be independent from any power or authority.

Judicial conduct and ethics shall be regulated by a specific law.

The status of judges and other judicial personnel shall be determined by a law."

Article 29: Court classification

Article 143 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"There are hereby established ordinary and specialized courts.

Ordinary Courts include the Supreme Court, the High Court, Intermediate Courts and Primary Courts.

Specialized Courts include Gacaca courts, Military courts, Commercial courts and any other as may be determined by an organic law.

An organic law may establish other courts or remove them.

Inkiko zisanzwe ni Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko Rukuru, Inkiko Zisumbuye n' Inkiko z'Ibanze.

Inkiko zihariye ni inkiko Gacaca, inkiko za gisirikare, inkiko z'ubucuruzi n'izindi zashyirwaho n'itegeko Ngenga.

Itegeko Ngenga rishobora gushyiraho izindi nkiko cyangwa kuzivanaho.

Ibyo ari byo byose ntihashobora gushyirwaho inkiko zidasanzwe.

Uretse Urukiko rw'Ikirenga, inkiko zisanzwe zishobora kugira ingereko zihariye cyangwa ingereko zikorera ahandi byemejwe n'iteka rya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga abisabwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Inkiko zishobora gukorera aho ari ho hose mu ifasi yazo iyo bituma imirimo yazo igenda neza, ariko bitabangamiye imanza zicibwa ku cyicaro cyazo gisanzwe.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'inkiko."

Ingingo ya 30: Ishyirwaho rya Perezida, Visi Perezida n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga

Ingingo ya 147 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

Perezida, Visi-Perezida n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga bashyirwaho n'iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Mu kugena abakandida kuri iyo myanya, Perezida wa Repubulika abanza kugisha

However, special Courts shall be created.

With the exception of the Supreme Court, ordinary courts may have specialised or itinerant chambers established by an Order of the President of the Supreme Court upon approval by the Supreme Council of the Judiciary. For better administration of justice, courts may sit in any place within their territorial jurisdiction, but this should not be determined to cases adjudicated at the usual seat of the Court.

An organic law shall determine the organisation, jurisdiction and the functioning of courts."

Article 30: Appointment of the President, Vice President and Judges of the Supreme Court

Article 147 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

The President, Vice-President and Judges of the Supreme Court shall be appointed by a Presidential Order after their approval by the Senate. The President of the Republic shall submit candidates for such posts after consultation with the Cabinet and the High Council of the Judiciary.

The President, Vice President and Judges of the Supreme Court shall be holders of at least a Bachelor of Laws degree and a working experience of eight (8) years in the legal profession and shall possess proven high-level management ability. Holders of a Doctoral degree in Law shall be required to have at least five (5) years of experience in the legal

inama Inama y'Abaminisitiri
n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Perezida, Visi Perezida
n'abacanza b'Urukiko rw'Ikirenga
bagomba kuba bafite nibura
impamyabumenyi ihanitse mu
by'amategeko n'uburambe
bw'imyaka umunani (8) mu kazi
karebana n'amategeko, bakaba
kandi baragaragayeho
ubushobozi mu miyoborere
y'Inzego nkuru z'ubuyobozi.
Abafite impamyabumenyi
y'ikirenga mu mategeko,
bagomba kuba bafite uburambe
nibura bw'imyaka itanu (5) mu
mirimo yerekeye amategeko.

Bashobora kuvanwa ku mirimo
yabo kubera kwitwara nabi,
kudashobora akazi, cyangwa
gukora ikosa rikomeye ku kazi
bisabwe n'Umutwe w'Abadepite
cyangwa w'Abasenateri ku
bwiganze bw'amajwi bwa bitatu
bya gatanu (3/5), bakavanwaho
n'Inteko Ishinga Amategeko ku
bwiganze bwa bibiri bya gatatu
(2/3) by'amajwi y'abagize buri
Mutwe".

Ingingo ya 31 : Urukiko Rukuru

Ingingo ya 149 y'Itegeko Nshinga
rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku
wa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu
ivuguruwe ku buryo bukurikira :
"Hashyizweho Urukiko Rukuru;
ifasi yarwo ni Igihugu cyose.

Urukiko Rukuru ruyoborwa na
Perezida na Visi Perezida
bashyirwaho n'Inteko rya Perezida
bamaze kwemezwa na Sena. Mu
kugena abakandida kuri iyo
myanya, Perezida wa Repubulika
abanza kugisha inama Inama
y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru
y'Ubucamanza.

Rufite ububasha bwo

profession.

They may be removed from office
on account of bad conduct,
incompetence or serious
professional misconduct upon
request by three fifths (3/5) of
either the Chamber of Deputies
or the Senate and shall be
removed by a two-thirds (2/3)
majority vote of each Chamber".

Article 31: High Court

Article 149 of the Constitution of
the Republic of Rwanda of June
4, 2003 as amended to date is
hereby amended as follows:

"There is established a High Court
whose territorial jurisdiction is
the whole country.

The High Court shall be headed
by a President and Vice President
appointed by a Presidential Order
after their approval by the
Senate. The President of the
Republic shall submit candidates
for such posts after consultation
with the Cabinet and the High
Council of the Judiciary.

The High Court shall have the
jurisdiction to try in the first
instance felony offences as well
as international offences as may
be determined by law.

It shall in the first instance hear
cases contravening articles 52, 53
and 54 of the Constitution
committed by political
organizations.

It shall also hear in the first
instance certain administrative
cases, cases involving political
organisations, election petitions

kuburanisha mu rwego rwa mbere bimwe mu byaha by'ubugome kimwe n'ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga byihariye biteganywa n'itegeko.

Ruburanisha mu rwego rwa mbere imanza zerekeye kwica ingingo ya 52, iya 53 n'ya 54 z'Itegeko Nshinga bikozwe n'imitwe ya politiki.

Rushinzwe kandi kuburanisha mu rwego rwa mbere zimwe mu manza zerekeranye n'iby'ubutegetsu, imitwe ya Politiki, amatora kimwe n'izindi manza ziteganywa n'itegeko.

Ruburanisha na none mu rwego rw'ubujurire kandi bwa nyuma, mu buryo buteganyijwe n'amategeko, imanza zaciwe n'izindi nkiko.

Rufite ingereko zihariye zikorera mu mafasi anyuranye y'igihugu mu buryo buteganyijwe n'amategeko.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere yarwo."

Ingingo ya 32: Urukiko Rwisumbuye

Agace C. k'Akiciro ka mbere k'Icyiciro cya 2 cy'Umutwe wa V w'Interuro ya IV y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu iteye ku buryo bukurikira :

"C. Ibyerekeye Urukiko Rwisumbuye

Ingingo ya 150: Ishyirwaho ry'Inkiko zisumbuye

Hashyizweho Inkiko Zisumbuye.

and other cases as the law may determine.

It shall also hear appeals from subordinate courts as a last appellate court as the law may determine.

It shall have specialized chambers, which will sit in different parts of the country as law may determine.

An organic law shall determine the organization, jurisdiction and functioning of the High Court."

Article 32 : Intermediate Courts

Point C. Sub-section One of Section 2 of Chapter V ,Title IV of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

" C. The Intermediate Court

Article 150: Establishment of the Intermediate Courts

There are hereby established Intermediate Courts.

An organic law shall determine the organisation, competence and functioning of the Intermediate Court and the territorial jurisdiction of each Intermediate Court."

Article 33: Primary Court

Point D. Sub-section One of Section 2 of Chapter V of Title IV of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"D. Primary Court

Itegeko Ngenga rigena imiterere, ububasha, n'imikorere by'Urukiko Rwisumbuye n'ifasi ya buri Rukiko Rwisumbuye."

Ingingo ya 33: Urukiko rw'Ibanze

Agace D. k'Akicro ka mbere k'Icyiciro cya 2 cy'Umutwe wa V w'Interuro ya IV y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu iteye ku buryo bukurikira : "D. Ibyerekeye Urukiko rw'Ibanze

Ingingo ya 151: Ishyirwaho ry'Inkiko z'Ibanze

Hashyizweho Inkiko z'Ibanze.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Urukiko rw'Ibanze n'ifasi ya buri Rukiko rw'Ibanze."

Ingingo ya 34: Inkiko z'Ubucuruzi

Interuro ya IV, Umutwe wa V, Icyiciro cya 2, Akicro ka 2, k'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu yujujwe yongewemo Agace ka C. n'ingingo ya 155 bis ku buryo bukurikira:

"C. Ibyerekeye Inkiko z'Ubucuruzi

Ingingo ya 155 bis: Inkiko z'Ubucuruzi

Hashyizweho inkiko z'ubucuruzi ziburanisha imanza z'ubucuruzi. Izo nkiko ni Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Inkiko z'Ubucuruzi.

Article 151: Establishment of Primary Courts

There are hereby established Primary Courts.

An organic law shall determine the organisation, competence, functioning of the Primary Court and territorial jurisdiction of each Primary Court."

Article 34: Commercial Courts

The Title IV, Chapter V, Section 2, Sub-section 2 of the Constitution of the Republic of Rwanda as amended to date is complemented by inserting a Point C. and Article 155 bis as follows:

« C. Commercial courts

Article 155 bis: Commercial courts

There are hereby established the commercial courts competent to try commercial cases which are the Commercial High Court and the Commercial Courts.

The President and the Vice President of the Commercial High Court shall be appointed by a Presidential Order after their approval by the Senate. The President of the Republic shall submit candidates for such posts after consultation with the Cabinet and the High Council of the Judiciary.

Other judges of commercial courts shall be appointed in accordance with the relevant laws.

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Mu kugena abakandida kuri iyo myanya, Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Abandi bacamanza b'inkiko z'ubucuruzi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

Itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi".

Ingingo ya 35: Kurahira kw'abacamanza

Ingingo ya 156 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira:

"Perezida, Visi-Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, abagize Inteko Ishinga Amategeko bahari. Abandi bacamanza barahirira imbere y'abayobozi bavugwa mu itegeko ribagenga".

Ingingo ya 36: Ishyirwaho n'inshingano by'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Ingingo ya 157 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ivuguruwe ku buryo bukurikira :

" Hashyizweho Inama Nkuru

An organic law shall establish the organization, functioning and jurisdiction of commercial courts".

Article 35: Taking Judicial Oath for Judges

Article 156 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is hereby amended as follows:

"The President, Vice President and Judges of the Supreme Court, the Presidents and Vice Presidents of the High Court and Commercial High Court shall take the judicial oath of office before the President of the Republic in the presence of the members of Parliament.

Other Judges shall take the judicial oath before authorities as prescribed by law governing them".

Article 36: Establishment and responsibilities of the High Council of the Judiciary

Article 157 of the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date is amended as follows:

"There is hereby established a High Council of the Judiciary which has the following functions:

1 ° to examine and, either on its own initiative or upon request by another organ, to give advice on matters relating to the functioning of the justice system;

2° to take decisions relating to the appointment, promotion or removal from office of judges and

y'Ubucamanza ifite inshingano zikurikira:

1° kwiga ibibazo byerekeye imikorere y'ubutabera no gutanga inama, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ku bibazo byose byerekeye imikorere y'ubutabera;

